Republic of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA



Raporo y'Ukwezi

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

Mutarama 2026

*© 2026Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR)*
*Photo de couverture : Igihe.com / 2018*

*Ku bindi bisobanuro, wakwadikira Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare*
*B.P. 6139 Kigali, Rwanda*
*Site web : www.statistics.gov.rw*
*E-mail : info@statistics.gov.rw*

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

– Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 4,8% muri rusange,
– Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 2,8%,
– Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 15,3%.

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

– Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,1% muri rusange,
– Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 1,3%,
– Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 1,3%.

***Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda***

| | 2025 | | | | | | | | | | | | 2026 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | ugushyingo | Ukuboza | Mutarama |
| Ihindagurika mu mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 0,7 | 4,3 | 4,1 | 2,4 | 6,4 | 11,9 | 13,0 | 11 | 13,4 | 6,8 | 3,4 | 4,6 | 4,8 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -1,7 | 1,9 | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,8 | 6,8 | 11,0 | 13,0 | 6,7 | 3,3 | 2,4 | 2,8 |
| Ibyoherezwa mu mahanga | 5,6 | 9,7 | 10,9 | 4,1 | 8,4 | 19,3 | 26,5 | 11,2 | 15,0 | 7,0 | 5,3 | 17,3 | 15,3 |
| Ihindagurika ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 0,9 | -0,9 | -0,6 | -1,8 | 2,5 | 0,6 | 1,8 | -0,4 | 2,5 | -0,8 | 0,2 | 0,6 | 1,1 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 1,0 | -1,1 | -2,2 | 2,0 | 1,6 | -0,6 | -0,9 | 3,2 | 0,4 | -0,5 | 0,0 | -0,4 | 1,3 |
| Ibyoherezwa mu mahanga | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,5 | 3,1 | 6,4 | -6,4 | 7,0 | -1,6 | 2,0 | 9,0 | -1,3 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Mutarama 2026, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 4,8%, ugereranyije na Mutarama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 20,4% ry'ibiciro by'inganda zitunganya amabuye y'agaciro, izamuka rya 2,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye ndetse n'izamuka rya 34,8% by'ibiciro by'amashanyarazi.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,1%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Mutarama 2026, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 2,8% ugereranyije na Mutarama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 0,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye ndetse n'izamuka rya 34,8% by'ibiciro by'amashanyarazi.


© NISR

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,3%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO KU BICURUZWA BYOHEREZWA MU MAHANGA

Muri Mutarama 2026, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 15,3% ugereranyije na Mutarama 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 20,4% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro ndetse n'izamuka rya 5,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa mumahanga byagabanutseho 1,3%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 3,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.


© NISR

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA